**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

**KAGAME Paul**  
President of the Republic

(sé)

**MAKUZA Bernard**  
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the  
Republic:**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Minister of Justice/Attorney General

(sé)

**KAGAME Paul**  
Président de la République

(sé)

**MAKUZA Bernard**  
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**KARUGARAMA Tharcisse**  
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE  
N°125/03 RYO KUWA 25/10/2010 RIGENA  
INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE  
BY'INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO

PRIME MINISTER'S ORDER N°125/03 OF  
25/10/2010 DETERMINING THE MISSION,  
ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF  
THE NATIONAL LABOUR COUNCIL

ARRETE DU PREMIER MINISTRE  
N°125/03 DU 25/10/2010 PORTANT  
MISSION, ORGANISATION ET  
FONCTIONNEMENT DU CONSEIL  
NATIONAL DU TRAVAIL

**ISHAKIRO**

**TABLE OF CONTENTS**

**TABLE DES MATIERES**

**UMUTWE WA MBERE:** INGINGO  
RUSANGE

**CHAPTER ONE:** GENERAL PROVISIONS

**CHAPITRE PREMIER:** DISPOSITIONS  
GENERALES

**Ingingo ya mbere:** icyo iri teka rigamije

**Article One:** Purpose of this Order

**Article premier :** Objet du présent arrêté

**Ingingo ya 2:** Ibigengwa n'iri teka

**Article 2 :** Scope of this Order

**Article 2 :** Champs d'application

**UMUTWE WA II:** INSHINGANO Z'INAMA  
Y'IGIHUGU Y'UMURIMO

**CHAPTER II:** MISSION OF THE  
NATIONAL LABOUR COUNCIL

**CHAPITRE II:** MISSION DU CONSEIL  
NATIONAL DU TRAVAIL

**Ingingo ya 3:** Inshingano

**Article 3:** Mission

**Article 3 :** Mission

**UMUTWE WA III:** IMITUNGANYIRIZE  
Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO

**CHAPTER III:** ORGANISATION OF THE  
NATIONAL LABOUR COUNCIL

**CHAPITRE III:** ORGANISATION DU  
CONSEIL NATIONAL DU TRAVAIL

**Icyiciro cya mbere :** Abagize inama y'igihugu  
y'umurimo ishyirwaho ryabo n'ibyo basabwa

**Section One:** Composition of the National  
Labour Council, appointment and  
requirements of its members

**Section première:** Composition du Conseil  
National du Travail, nomination et  
conditions requises

**Ingingo ya 4:** Abagize Inama y'Igihugu  
y'Umurimo

**Article 4 :** Members of the National Labour  
Council

**Article 4 :** Membres du Conseil National du  
Travail

**Ingingo ya 5:** Ishyirwaho ry'Abagize Inama  
y'Igihugu y'Umurimo badahagarariye Leta

**Article 5:** Nomination of members of the  
National labour council other than State

**Article 5 :** Nomination des membres du  
Conseil National du Travail autres que les



	<b>representatives</b>	<b>représentants de l'Etat</b>
<b><u>Ingingo ya 6:</u> Isiburwa ry'abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo</b>	<b><u>Article 6:</u> Replacement of members of the National Labour Council</b>	<b><u>Article 6 :</u> Remplacement des membres du Conseil National du Travail</b>
<b><u>Ingingo ya 7:</u> Ibisabwa Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo</b>	<b><u>Article 7:</u> Required profile of the members of the National Labour Council</b>	<b><u>Article 7:</u> Conditions requises pour les membres du Conseil National du Travail</b>
<b><u>Ingingo ya 8:</u> Ibyangombwa bisabwa Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo</b>	<b><u>Article 8:</u> Required documents for members of the National Labour Council</b>	<b><u>Article 8:</u> Documents à produire par les membres du Conseil National du Travail</b>
<b><u>Icyiciro cya 2:</u> Inzego z'Inama y'Igihugu y'Umurimo</b>	<b><u>Section 2:</u> Organs of the National Labour Council</b>	<b><u>Section 2 :</u> Organes du Conseil National du Travail</b>
<b><u>Ingingo ya 9:</u> Inzego</b>	<b><u>Article 9:</u> Organs</b>	<b><u>Article 9 :</u> Organes</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano za Perezida</b>	<b><u>Article 10:</u> Responsibilities of the Chairperson</b>	<b><u>Article 10 :</u> Attributions du Président</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Umurimo</b>	<b><u>Article 11:</u> Composition of the Bureau of the National Labour Council</b>	<b><u>Article 11:</u> Composition du Bureau National du Travail</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Inshingano za Biro y'Inama y'Igihugu y'Umurimo</b>	<b><u>Article 12 :</u> Responsibilities of the Bureau of the National Labour Council</b>	<b><u>Article 12 :</u> Attributions du Bureau</b>
<b><u>Ingingo ya 13 :</u> Inama y'Inama ya Biro</b>	<b><u>Article 13:</u> Meeting of the Bureau</b>	<b><u>Article 13:</u> Réunion du Bureau</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Umunyamabanga w'Inama y'Igihugu y'Umurimo</b>	<b><u>Article 14:</u> Secretary of National Labour Council</b>	<b><u>Article 14 :</u> Secrétaire du Conseil</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano z'Umunyamabanga w'Inama y'Igihugu y'Umurimo</b>	<b><u>Article 15:</u> Duties of the National Labour Council's Secretary</b>	<b><u>Article 15 :</u> Attributions du Secrétaire du Conseil National du Travail</b>

**UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'INAMA  
Y'IGIHUGU Y'UMURIMO**

**Ingingo ya 16: Amategeko ngengamikorere**

**Ingingo ya 17: Inama z'Inama y'Igihugu  
y'Umurimo**

**Ingingo ya 18: Umubare wa ngombwa kugira  
ngo inama iterane**

**Ingingo ya 19 : Umubare wa ngombwa kugira ngo  
inama ifate ibyemezo**

**Ingingo ya 20: Ibyemezo bifatirwa abasiba  
inama**

**Ingingo ya 21: Korohereza abahagarariye  
abakozi**

**UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE  
N'IZISOZA**

**Ingingo ya 22: Amafaranga agenerwa  
abitabiriye inama n'ibindi bikenerwa mu  
mikorerere y'Inama**

**Ingingo ya 23: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

**Ingingo ya 24 : Ivanwaho ry'Ingingo  
zinyuranyije n'iri Teka**

**Ingingo ya 25: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

**CHAPTER IV: FUNCTIONING OF THE  
NATIONAL LABOUR COUNCIL**

**Article 16: Internal rules of procedure**

**Article 17 : Meetings of the National Labour  
Council**

**Article 18 : Quorum**

**Article 19 : Majority required to take  
decisions**

**Article 20: Sanctions for absenteeism**

**Article 21: Facilitating workers  
representatives**

**CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND  
FINAL PROVISIONS**

**Article 22: Sitting allowances and other  
operating expenses**

**Article 23: Authorities responsible for the  
implementation of this Order**

**Article 24: Repealing provision**

**Article 25: Commencement**

**CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DU  
CONSEIL NATIONAL DU TRAVAIL**

**Article 16: Règlement d'ordre intérieur**

**Article 17 : Réunions du Conseil National du  
Travail**

**Article 18 : Quorum**

**Article 19 : Majorité requise pour prendre  
des décisions**

**Article 20: Sanctions pour absentéisme**

**Article 21 : Facilités pour les représentants  
des travailleurs**

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES  
ET FINALES**

**Article 22 : Jetons de présence et autres frais  
de fonctionnement**

**Article 23: Autorités chargées de l'exécution  
du présent arrêté**

**Article 24 :Disposition abrogatoire**

**Article 25: Entrée en vigueur**

**ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°125/03 RYO KUWA 25/10/2010 RIGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BY'INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO**

**PRIME MINISTER'S ORDER N°125/03 OF 25/10/2010 DETERMINING THE MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE NATIONAL LABOUR COUNCIL**

**ARRETE DU PREMIER MINISTRE N° N°125/03 DU 25/10/2010 PORTANT MISSION, ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DU CONSEIL NATIONAL DU TRAVAIL**

**Minisitiri w'Intebe ;**

**The Prime Minister;**

**Le Premier Ministre ;**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu cyane cyane mu ngingo yaryo ya 118,iya 119, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 118, 119, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121 et 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 13/2009 ryo kuwa 27 Gicurasi 2009 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 163 ;

Pursuant to Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda, especially in Article 163;

Vu la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 163;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 62/03 ryo kuwa 02/11/2005 rishyiraho kandi rigena Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Umurimo ;

Reviewing the Prime Minister's Order n° 62/03 of 02/11/2005 establishing and determining the functioning of the National Labour Council;

Revu l'Arrêté du Premier Ministre n° 62/03 du 02/11/2005 portant création et fonctionnement du Conseil National du Travail;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 14/10/2008 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

After consideration and approval by the Cabinet in its session of 14/10/2008;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 14/10/2008 ;

**ATEGETSE:**

**HEREBY ORDERS:**

**ARRETE :**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije**

**Article One: Purpose of this Order**

**Article premier : Objet du présent arrêté**

Iri teka rigena inshingano, imiterere n'Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Umurimo.

This Order determines the mission, organization and functioning of the National Labour Council.

Le présent arrêté porte mission, organisation et fonctionnement du Conseil National du Travail.

**Ingingo ya 2: Ibigengwa n'iri teka**

Iri teka rireba gusa umurimo w'abakozi bagengwa n'Itegeko rigenga Umurimo mu Rwanda.

**UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO**

**Ingingo ya 3: Inshingano**

Muri rusange Inama y'Igihugu y'Umurimo ishinze gutanga ibitekerezo kuri politiki n'amategeko bigenga umurimo kandi igira uruhare mu gukemura impaka z'umurimo.

By'umwihariko Inama y'Igihugu y'Umurimo ishinze :

1° gutanga ibitekerezo ku mbanziriza mishinga z'amategeko n'amateka mu byerekeye umurimo n'ubwiteganyirize bw'abakozi ;

2° gufasha mu kubahiriza neza amategeko n'amateka;

3° kwerekana ibibuze mu mategeko y'umurimo no gutanga ingingo zo kuyakosora ;

4° kwiga ibibazo byose byerekeye umurimo, akazi, amahugurwa, ubwiteganyirize bw'abakozi, ubuzima n'umutekano ku kazi, imibereho y'abakozi n'uburyo imirimo ikorwamo;

**Article 2 : Scope of this Order**

This Order relates only to employment of employees governed by the Law regulating labour in Rwanda.

**CHAPTER II: MISSION OF THE NATIONAL LABOUR COUNCIL**

**Article 3: Mission**

In general, the National Labour Council shall be responsible for giving advice on policies and laws regulating labour and also play a role in settlement of labour disputes.

Specifically, the National Labour Council shall be responsible for:

1° giving advice on bills and draft regulations concerning labour and social security;

2° assisting in application of laws and regulations;

3° identifying all the shortcomings in the field of labour laws and to propose amendments;

4° studying all labour, employment, vocational training, social security related issues and safety as well as the working and living conditions of workers;

**Article 2 : Champs d'application**

Le présent arrêté s'applique uniquement aux emplois régis par la loi portant réglementation du travail au Rwanda.

**CHAPITRE II: MISSION DU CONSEIL NATIONAL DU TRAVAIL**

**Article 3 : Mission**

En général le Conseil a pour mission de donner des avis sur les politiques et les lois en matière du travail. Il joue également un rôle dans la résolution des conflits collectifs du travail.

Spécifiquement le Conseil a pour mission de :

1° donner des avis sur les avant projets de textes de lois et de règlements en matière du travail et de la sécurité sociale ;

2° aider à l'application correcte des textes législatifs et réglementaires ;

3° relever toutes les lacunes en matière du droit du travail et de l'emploi et proposer des mesures appropriées ;

4° étudier tous les problèmes concernant le travail, l'emploi, la formation professionnelle, la sécurité sociale, la santé et la sécurité au travail et les conditions de vie et de travail des travailleurs ;

5° gutanga ibitekerezo ku nyigo zerekeye isoko ry'umurimo n'imibare ireba umurimo;	5° providing opinion on studies regarding labour market information and statistics;	5° donner des avis sur les études concernant le marché du travail et les statistiques y relatives ;
6° gutanga ibitekerezo ku ishyirwaho n'ihindurwariy'imishahara fatizo (SMG);	6° providing opinion on setting and changes in the minimum guaranteed wages (SMG);	6° proposer ou donner son avis sur la fixation et la modification des salaires minimum garantis (SMG) ;
7° kugena uburyo bwo gushyiraho komite nkemurampaka mu mpaka rusange z'akazi no gushyiraho izo komite;	7° determining modalities of establishment of the arbitration committees for collective labour disputes and set up those arbitration committees;	7° déterminer les modalités de mise en place de comités d'arbitrage des conflits collectifs et constituer ces comités ;
8° gutanga ibitekerezo ku bindi bibazo byose Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze ashobora kuyigezaho bijyanye n'inshingano zayo.	7° giving advice on any other issues raised by the Minister in charge of labour relating to matters under its responsibilities.	8° donner son avis sur toute autre question relevant de sa compétence que le Ministre ayant le travail dans ses attributions peut lui soumettre.

**UMUTWE WA III: IMITUNGANYIRIZE Y'INAMA Y'IGIHUGU Y'UMURIMO**

**CHAPTER III: ORGANISATION OF THE NATIONAL LABOUR COUNCIL**

**CHAPITRE III : ORGANISATION DU CONSEIL NATIONAL DU TRAVAIL**

**Ukubwira mbere : Abagize inama y'igihugu y'umurimo ishyirwaho ryabo n'ibyo basabwa**

**Section One: Composition of the National Labour Council, appointment and requirements of its members**

**Section première: Composition du Conseil National du Travail, nomination et conditions requises**

**Ingingo ya 4: Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo**

**Article 4 : Members of the National Labour Council**

**Article 4 : Membres du Conseil National du Travail**

Inama y'Igihugu y'Umurimo igizwe n'aba bakurikira:

The National Labour Council shall be composed of the following:

Le Conseil National du Travail est composé comme suit :

- 1° Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze, ari nawe Perezida wayo;
- 2° Abantu batanu ( 5) bahagarariye Leta ;
- 3° Abantu batanu (5) bahagarariye sendika z'abakozi;

- 1° The Minister in charge of labour who is also its Chairperson ;
- 2° Five (5) State representatives;
- 3° Five (5) Trade Union representatives;

- 1° Le Ministre ayant le travail dans ses attributions qui en est aussi le Président;
- 2° Cinq (5) représentants de l'Etat ;
- 3° Cinq (5) représentants des syndicats des travailleurs ;

4° Abantu batanu (5) bahagarariye amashyirahamwe y'abakoresha;	4° Five (5) employers' organisations representatives;	4° Cinq (5) représentants des organisations professionnelles d'employeurs;
5 ° Abantu batanu (5) bahagarariye Sosiyete Sivili.	5° Five (5) Civil Society representatives.	5° Cinq (5) représentants de la société civile.
Uretse Perezida, abandi bagize Inama y'Igihugu y'Umurimo bashyirwaho mu gihe cy'imyaka ine (4) n'iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze. Bashobora kongera gushyirwaho inshuro imwe gusa.	Except the Chairperson, other members of the National Labour Council shall be appointed by an Order of the Minister in charge of Labour for a four (4) year term renewable only once.	Les membres du Conseil National du Travail autres que le Président, sont nommés par un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions pour un mandat de quatre (4) ans, renouvelable une seule fois.
Nibura mirongo itatu kw'ijana (30%) by'abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo bagomba kuba ari abagore.	At least thirty percent (30%) of the members of the National labour council shall be women.	Au moins 30% des membres du Conseil National du Travail doivent être de sexe féminin.
Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo bakomeza imirimo yabo kugeza igihe basimburiwe kabone n'iyi igihe bashyiriweho cyaba cyararangiyeye.	Members of the National Labour Council shall remain in office until their replacement notwithstanding the expiry of their term of office.	Les membres du Conseil National du Travail demeurent en fonction nonobstant l'expiration de leur mandat, jusqu'à ce qu'ils soient remplacés.
<b><u>Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo badahagarariye Leta</u></b>	<b><u>Article 5: Nomination of members of the National labour council other than State representatives</u></b>	<b><u>Article 5 : Nomination des membres du Conseil National du Travail autres que les représentants de l'Etat</u></b>
Abahagarariye abakozi, abakoresha na sosiyete sivile bashyirwaho hakurikijwe icyifuzo cy'amasendika n'amashyirahamwe ahagarariye abakozi n'abakoresha benshi, kimwe n'icy'amashyirahamwe yibumbiyemo imiryango ya Sosiyete sivile ihagarariwe kurusha iyindi.	Representatives of workers, employers and civil society shall be appointed upon proposal by the most representative workers' and employers' bodies and of the most representative civil society organisations.	Les représentants des travailleurs, des employeurs et de la société civile sont nommés sur proposition des organisations de travailleurs, d'employeurs et de la société civile les plus représentatives.
<b><u>Ingingo ya 6: Isimburiwa ry'abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo</u></b>	<b><u>Article 6: Replacement of members of the National Labour Council</u></b>	<b><u>Article 6 : Remplacement des membres du Conseil National du Travail</u></b>
Iyo umwanya uwo ari wo wose ugaragaye ko	Any vacant post that occurs before the expiry of	Toute vacance de poste survenue au cours du

ntawe uwurimo igihe cyagenwe kitararangira, Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze ashyiramo umusimbura mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 5 y'iri teka.

**Ingingo ya 7: Ibisabwa Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo**

Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo bagomba kuba :

1° batarambuwe uburenganzira bwabo bw'imbonezamubano n'ubwa politiki.

2° bafite nibura imyaka makumyabiri n'itanu (25),

3° bamaze mu kazi nibura imyaka itanu (5),

4° batarahamwe na rimwe n'icyaha gishingiye ku kutubahiriza amategeko y'umurimo,

5° batarahamwe na rimwe n'icyaha gihanishwa igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);

6° bataraciriwe urubanza rw'igihombo rwabaye ndakuka.

**Ingingo ya 8: Ibyangombwa bisabwa Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo**

Kugira ngo bashyirwe mu nama y'Igihugu y'Umurimo, abahagarariye Leta, abakozi n'abakoresha ndetse na sosiyete sivile bagomba

the specified term of office, the Minister in charge of labour shall replace the member in the same procedure as provided for in Article 5 of this Order.

**Article 7: Required profile of the members of the National Labour Council**

Members of the National Labour Council shall be required:

1° not to have been deprived of their civic and political rights;

2° to be at least twenty five (25) years old ,

3° to be at least five (5) years of work experience;

4° not to have been never convicted for any labour legislation related offence;

5° not to have been never sentenced to a term equal to or exceeding six (6) months imprisonment;

6° not to have been adjudicated for bankruptcy cases.

**Article 8: Required documents for members of the National Labour Council**

In order to be appointed as members of the National Labour Council, State representatives, employees and employers as well as civil society

mandat d'un membre du Conseil National du Travail est comblée par l'autorité de nomination de la manière indiquée à l'article 5 du présent arrêté.

**Article 7: Conditions requises pour les membres du Conseil National du Travail**

Les membres du Conseil National du Travail doivent:

1° ne pas être déchu de leurs droits civiques et politiques ;

2° être âgés de vingt cinq (25) ans au moins ;

3° avoir une expérience professionnelle d'au moins cinq (5) ans ;

4° n'avoir jamais encouru de condamnation pour infraction à la législation du travail

5° n'avoir jamais encouru une condamnation définitive d'une peine d'emprisonnement égale ou supérieur à six (6);

6° n'avoir pas fait l'objet d'une condamnation définitive pour faillite.

**Article 8: Documents à produire par les membres du Conseil National du Travail**

Pour être nommés membres du Conseil National du Travail, les représentants de l'Etat, des syndicats des travailleurs, des organisations

kwerekana ibyangombwa bikurikira:

- 1° Umwirondoro;
- 2° icyemezo cy'uko batafunzwe.

**Icyiciro cya 2: Inzego z'Inama y'Igihugu y'Umurimo**

**Ingingo ya 9: Inzego**

Inama y'Igihugu y'Umurimo igizwe n'inzego zikurikira:

- 1° Perezida;
- 2° Biro;
- 3° Ubunyamabanga.

**Ingingo ya 10: Inshingano za Perezida**

Perezida w'Inama y'Igihugu y'Umurimo atumira inama kandi akayobora imirimo y'Inama y'Igihugu y'Umurimo. Ageza kandi kuri Minisitiri w'Intebe mu mpera za buri mwaka raporo y'ibikorwa byayo.

**Ingingo ya 11: Abagize Biro y'Inama y'Igihugu y'Umurimo**

Biro y'Inama y'Igihugu y'Umurimo igizwe na :  
1° Perezida w'Inama;  
2° Ba Visi-Perezida batatu (3) aribo :

representatives shall produce the following documents:

- 1° Curriculum vitae;
- 2° Copy of a police criminal record.

**Section 2: Organs of the National Labour Council**

**Article 9: Organs**

The National Labour Council shall be composed of the following organs:

- 1° The Chairperson;
- 2° The Bureau;
- 3° The Secretariat.

**Article 10: Responsibilities of the Chairperson**

The Chairperson of the National Labour Council convenes and chairs the Council's meetings. He/she submits the Council's annual progress report to the Prime Minister.

**Article 11: Composition of the Bureau of the National Labour Council**

The Bureau of the National Labour Council Shall be composed of the following:  
1° The Chairperson of the Council;  
2° Three (3) Vice-Chairpersons, and these shall be:

professionnelles d'employeurs ainsi que des représentants de la société civile doivent produire des pièces ci-après :

- 1° Curriculum vitae ;
- 2° Extrait du casier judiciaire.

**Section 2 : Organes du Conseil National du Travail**

**Article 9 : Organes**

Les organes du Conseil National du Travail sont :

- 1° Le Président;
- 2° Le Bureau;
- 3° Le Secrétariat.

**Article 10 : Attributions du Président**

Le Président du Conseil National du Travail convoque et préside les sessions du Conseil. A la fin de chaque exercice, il fait un rapport annuel des activités dudit Conseil au Premier Ministre.

**Article 11: Composition du Bureau National du Travail**

Le Bureau du Conseil National du Travail comprend :  
1° Le Président du Conseil ;  
2° Trois Vice - Présidents dont:



- |   |  |   |
|---|--|---|
| a) uwatanzwe n'abahagarariye abakoresha ;     | a) one nominated by representatives of employers;  | a) un désigné par les représentants des employeurs;       |
| b) uwatanzwe n'abahagarariye abakozi;         | b) one nominated by representatives of employees;  | b) un désigné par les représentants des travailleurs ;    |
| c) uwatanzwe n'abahagarariye sosiyete sivile. | c) one nominated by Civil Society representatives. | c) un désigné par les représentants de la société civile. |

Muri abo ba Visi Perezida batatu (3), Inama y'Igihugu y'Umurimo iratora ikemeza uba Visi Perezida wa mbere, uba Visi Perezida wa kabiri n'uba Visi Perezida wa gatatu.

Among these three Vice-Chairpersons, the National Labour Council shall elect the First, the Second and the Third Vice- chairperson.

Parmi ces trois Vice - Présidents, le Conseil National du Travail élit le premier, le deuxième et le troisième Vice Président.

**Ingingo ya 12: Inshingano za Biro y'Inama y'Igihugu y'Umurimo**

**Article 12 : Responsibilities of the Bureau of the National Labour Council**

**Article 12 : Attributions du Bureau**

Biro ifite inshingano zikurikira :

The responsibilities of the Bureau of the National Labour Council shall be the following:

Les attributions du Bureau du Conseil National du Travail sont les suivantes :

1° Gutegura gahunda y'ibikorwa ikayishyikiriza Inama y'Igihugu y'Umurimo ngo iyemeze;

1° To draft the action of plan and submit it to the National Labour Council for approval;

1° Elaborer le plan d'activité et le soumettre pour approbation au Conseil National du Travail ;

2° Gutegura ingingo zigwa mu gihe Inama y'Igihugu y'Umurimo yateranye;

2° To prepare the agenda of the Council's meetings;

2° Préparer l'ordre du jour des réunions du Conseil;

3° Gusuzuma ikanafata umwanzuro ku bibazo biri mu bubasha bw'Inama ariko yaherewe uburenganzira;

3° To consider and decide on issues that are within the competence of the Council in respect of which it has been given delegation;

3° Examiner et statuer sur les problèmes relevant de la compétence du Conseil pour lesquels il a reçu délégation;

4° Gusuzuma ikanafata umwanzuro w'agateganyo ku bibazo biri mu bubasha bw'Inama y'Igihugu y'Umurimo, bigaragara ko byihutirwa, bisabwe na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze;

4° To consider and take a provisional decision on issues within the competence of the National Labour Council that are exceptionally urgent, upon the request of the Minister in charge of Labour;

4° Examiner et prendre une décision provisoire les problèmes relevant de la compétence du Conseil National du Travail présentant un caractère d'urgence exceptionnelle, à la demande du Ministre ayant le travail dans ses attributions ;

5° Gusuzuma ubujurire bw'abakozi cyangwa abakoresha batishimiye ibyemezo inzego zibishinzwe zafashe zimaze kwerekwa gahunda zabo zigamije ko imirimo ya ngombwa itahungabana mu gihe bahagaritse akazi cyangwa bafunze ibigo ;

6° Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Igihugu y'Umurimo.

Imyanzuro y'agateganyo ivugwa mu gace ka 4° k'iyi ngingo ishyikirizwa Inama isanzwe ikurikiyeho kugirango iyemeze cyangwa se, iyo byihutirwa, bigakorerwa Inama idasanzwe.

#### **Ingingo ya 13 : Inama y'Inama ya Biro**

Inama ya Biro y'Inama y'Igihugu y'Umurimo itumizwa mu nyandiko kandi ikayoborwa na Perezida wayo igihe cyose bibaye ngombwa. Kugirango iterane kimwe cya kabiri (1/2) cy'abayigize bagomba kuba bahari. Iyo uwo mubare udashoboye kuboneka yongera gutumizwa igaterana mu minsi itarenze irindwi (7) hatitawe ku mubare w'abayigize.

#### **Ingingo ya 14: Umunyamabanga w'Inama y'Igihugu y'Umurimo**

Hashyizweho muri Minisiteri ifite umurimo mu nshingano zayo umukozi wihariye ushinze ubunyamabanga bw'Inama y'Igihugu y'Umurimo ushamikiye ku Buyobozi Bukuru bw'Umurimo.

5° To consider claims of employees or employers who are aggrieved of the decisions taken by relevant authorities on their plans to ensure the maintenance of the necessary minimum service in case of suspension of work or closure of enterprises;

6° To follow up the implementation of the National Labour Council's decisions.

Provisional decisions mentioned in point 4° of this Article shall be submitted for approval to the Council at its next ordinary session or in case of emergency, at its extraordinary session.

#### **Article 13: Meeting of the Bureau**

The meeting of the Bureau of the National Labour Council shall be convened in writing and chaired by its chairperson as often as necessary. The meeting shall be held if the half (1/2) of the members of the National Labour Council are presents. Failure to obtain this quorum, the meeting is postponed for at least not less than seven (7) days without considering the quorum.

#### **Article 14: Secretary of National Labour Council**

An employee shall be recruited in the Ministry in charge of Labour under Labour Directorate General and will specifically be in charge of the National Labour Council secretariat.

5° Statuer sur les recours des travailleurs ou des employeurs contre les décisions des autorités compétentes sur leurs plans visant le maintien du service minimum nécessaire en cas de grève ou de lock out ;

6° Suivre l'exécution des décisions du Conseil.

Les décisions provisoires mentionnées au point 4° sont présentées pour approbation au Conseil lors de la prochaine réunion ordinaire, ou, en cas d'urgence, en session extraordinaire.

#### **Article 13: Réunion du Bureau**

La réunion du Bureau du Conseil National du Travail est convoquée par écrit et présidée par son président chaque fois que de besoin. Le quorum pour valablement délibérer est de la moitié (1/2) des membres du Conseil National du Travail. Lorsque ce quorum n'est pas atteint, la réunion est reportée à un autre jour qui ne doit pas être moins de sept (7) jours sans tenir en considération le nombre des membres présents.

#### **Article 14 : Secrétaire du Conseil**

Il placé au Ministère ayant le travail dans ses attributions un employé exclusivement chargé du Secrétariat du Conseil National du Travail qui est placé sous la Direction Générale du

Travail et de l'Emploi.

**Ingingo ya 15: Inshingano z'Umunyamabanga w'Inama y'Igihugu y'Umurimo**

Muri rusange Umunyamabanga w'Inama y'Igihugu y'Umurimo ashinzwe gutegura ibyiciro by'inama, kuzikorera inyandiko mvugo no kuzikurikirana, no kubika neza inyandiko n'amakuru bikenerwa.

By'umwihariko, Umunyamabanga ashinzwe ibi bikurikira:

1° Gukora imirimo ya buri muni y'Inama y'Igihugu y'Umurimo;

2° Gukora imirimo y'ubwanditsi bw'inama z'Inama y'Igihugu y'Umurimo n'iza biro yayo;

3° Gukurikirana umuni ku muni ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by'Inama y'Igihugu y'Umurimo n'ibya biro yayo;

4° Gukusanya ibitabo n'izindi nyandiko nkenerwa mu mirimo y'Inama y'Igihugu y'Umurimo;

5° Gukora undi murimo uri mu nshingano ze yashingwa n'Inama y'Igihugu y'Umurimo cyangwa Perezida wayo.

**Article 15: Duties of the National Labour Council's Secretary**

Generally, the National Labour Council Secretary shall be responsible for preparing council meetings and monitoring them, making reports thereof and maintaining useful documentations and information.

Specifically, the Secretary shall be responsible for:

1° Ensuring smooth day to day performance of the National Labour Council activities;

2° Ensuring secretarial services of the National Labour Council meetings and its Bureau;

3° Following up day to day the implementation of decisions of the National Labour Council and of its Bureau;

4° Gathering useful books and other documents for National Labour Council ;

5° Performing any other task within the scope of his/her duties, as may be assigned by the National Labour Council or its Chairperson.

**Article 15 : Attributions du Secrétaire du Conseil National du Travail**

En général le Secrétaire du Conseil est responsable de la préparation des réunions, de la rédaction des comptes rendus et leur suivi ainsi que de la tenue de la documentation utile aux travaux du Conseil.

Spécifiquement le secrétaire du conseil est chargé de :

1° Assurer les activités quotidiennes du Conseil;

2° Assurer le service de secrétariat des réunions du Conseil et du Bureau;

3° Assurer le suivi quotidien de la mise en exécution des décisions du Conseil et du Bureau;

4° Rassembler la documentation utile et gérer les archives;

5° Exécuter toute autre tâche qui rentre dans ses attributions que le Conseil ou le Président peut lui confier.

**UMUTWE WA IV: IMIKORERE Y'INAMA  
Y'IGIHUGU Y'UMURIMO**

**Ingingo ya 16: Amategeko ngengamikorere**

Inama y'Igihugu y'Umurimo yishyiriraho amategeko ngengamikorere yayo.

**Ingingo ya 17: Inama z'Inama y'Igihugu y'Umurimo**

Inama y'Igihugu y'Umurimo iterana kabiri (2) mu mwaka mu nama zisanzwe, itumijwe na Perezida wayo. Iyo Perezida adahari, umwe mu ba Visi-Perezida hubahirijwe uko bakurikirana ashobora gutumiza kandi akayobora Inama.

Iterana mu nama idasanzwe, igihe cyose bibaye ngombwa, bisabwe na Perezida, cyangwa se bisabwe na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

Inyandiko itumira igaragaza ibiri ku murongo w'ibyigwa kandi igaherekezwa n'inyandiko ziyitegura.

Inyandiko itumira inama isanzwe igomba kugera ku bo igenewe mu minsi umunani (8) nibura mbere y'uko inama iterana. Inyandiko itumira inama idasanzwe igomba kugera ku bo igenewe mu minsi ibiri (2) mbere y'uko iterana.

**CHAPTER IV: FUNCTIONING OF THE  
NATIONAL LABOUR COUNCIL**

**Article 16: Internal rules of procedure**

The National Labour Council shall adopt its internal rules of procedure.

**Article 17 : Meetings of the National Labour Council**

The National Labour Council shall meet twice (2) a year in its ordinary sessions when convened by its Chairperson. In his/her absence, the meeting may be convened and chaired by one of the Vice-Chairpersons, subject to their respective ranking.

It shall meet in an extraordinary session as often as necessary, upon request by its chairperson or upon request of two thirds (2/3) of its members.

The notice convening the meeting shall indicate the agenda and be accompanied with working documents.

The notice convening an ordinary session shall reach the members at least eight (8) days before the meeting convenes. The notice convening an extra ordinary meeting shall reach the members two (2) days before the meeting convenes.

**CHAPITRE IV: FONCTIONNEMENT DU  
CONSEIL NATIONAL DU TRAVAIL**

**Article 16: Règlement d'ordre intérieur**

Le Conseil adopte son règlement d'ordre intérieur.

**Article 17 : Réunions du Conseil National du Travail**

Le Conseil National du Travail se réunit deux fois par an, en session ordinaire, sur convocation de son Président. En son absence et dans le respect de l'ordre des préséances, l'un des Vice Présidents convoque et préside les réunions du Conseil.

Il se réunit en session extraordinaire, autant de fois que de besoin, soit à la demande du Président, soit à la demande des deux tiers (2/3) de ses membres.

L'invitation indique l'ordre du jour. Elle est accompagnée des documents préparatoires.

L'invitation en session ordinaire doit parvenir aux membres huit (8) jours au moins avant la tenue de la réunion. L'invitation à la réunion extraordinaire doit parvenir aux membres deux (2) jours avant sa tenue.

**Ingingo ya 18 : Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane**

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane ni bibiri bya gatatu (2/3) by'abagize Inama kandi ibyiciro biyigize byose bikaba bihagarariwe.

Iyo bituzuye, inama irasubikwa igashyirwa ku wundi muni mu gihe kitari muni y'iminsi munani (8) uhereye igihe iyo nama yari kubera.

Kuri uwo muni, abagize Inama baraterana iyo hari nibura kimwe cya kabiri (1/2) cy'abayigize, hatitaweho uko ibyiciro byaba bihagarariwe.

**Ingingo ya 19 : Umubare wa ngombwa kugira ngo inama ifate ibyemezo**

Ibyemezo by'Inama y'Igihugu y'Umurimo bifatwa ku bwumvikane busesuye bw'abayigize, bitashoboka bagatora. Ibyemezo bihabwa agaciro iyo byatowe ku bwiganze burunduye bw'abitabiriye inama.

Perezida w'Inama ntatora.

**Ingingo ya 20 : Ibyemezo bifatirwa abasiba inama**

Gusiba inama kw'abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo cyangwa kw'abagize Biro bigomba gutangirwa impamvu mu nyandiko.

**Article 18 : Quorum**

The quorum shall be constituted by two thirds (2/3) of the members of the Council and all categories of members shall be represented.

Failure to obtain the quorum, the meeting shall be postponed for at least not less than eight days from the day it would have been held.

On that date, the meeting shall be held if at least half (1/2) the members are present, without considering represented categories.

**Article 19 : Majority required to take decisions**

The decisions of the National Labour Council shall be taken by consensus, and if consensus is not obtained, the members shall vote. The decisions shall be valid only when voted by the absolute majority of members present.

The Chairperson shall not vote.

**Article 20 : Sanctions for absenteeism**

Any absence of the members of the National Labour Council or Bureau at its meetings shall be justified in writing.

**Article 18 : Quorum**

Le quorum pour valablement délibérer est de deux tiers (2/3) des membres du Conseil et toutes les catégories des membres doivent être représentées.

Lorsque ces conditions ne sont pas remplies, la réunion est reportée à un autre jour qui ne doit pas être moins de huit (8) jours.

A ce jour, la réunion se tient lorsqu'au moins la moitié (1/2) des membres est présent sans tenir compte de quelles catégories représentées.

**Article 19 : Majorité requise pour prendre des décisions**

Les résolutions du Conseil National du Travail sont prises par consensus et dans le cas contraire par vote. Les résolutions sont valables lorsqu'elles sont votées à la majorité absolue des membres présents.

Le Président du Conseil ne prend pas part au vote.

**Article 20 : Sanctions pour absentéisme**

Toute absence en une réunion des membres du Conseil National du Travail ou du Bureau doit être justifiée par écrit.

Iyo ugize Inama y'Igihugu y'Umurimo cyangwa Biro yayo asibye inshuro eshatu zikurikiranyije nta mpamvu yatanze, ahagarikwa by'agateganyo n'Inama y'Igihugu y'Umurimo, maze bigasaba inzego zibifitiye ububasha gufata icyemezo cya nyuma.

**Ingingo ya 21: Korohereza abahagarariye abakozi**

Mu gihe bagikora imirimo yabo, abahagarariye abakozi mu Nama y'Igihugu y'Umurimo bahabwa impushya n'abakoresha babo kugira ngo bitabire inama.

**UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA**

**Ingingo ya 22: Amafaranga agenerwa abitabiriye inama n'ibindi bikenerwa mu mikorerere y'Inama**

Abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo bitabiriye inama za yo bagenerwa amafaranga y'ubwitabire agenwa n'iteka rya Perezida.

Leta yishingira kandi amafaranga y'ingendo y'abagize Inama y'Igihugu y'Umurimo n'ibindi bikenerwa mu mikorerere yayo.

In case of three successive absences of a member of National Labour Council or Bureau at its meetings of a member without a written justification, the National Labor Council shall temporarily suspend him/her and the competent authorities shall take a final decision.

**Article 21: Facilitating workers representatives**

During the exercise of their mandate, workers representatives in the National Labour Council shall be guaranteed permission by their employers to enable them to attend the meetings

**CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**

**Article 22: Sitting allowances and other operating expenses**

Members of the National Labour Council present in its meeting shall be entitled to a sitting allowance determined by a Presidential Order.

The Government shall also guarantee transport facilities and other operating expenses to the members of the National Labour Council.

En cas de trois absences consécutives non justifiées d'un membre du Conseil National du Travail ou du Bureau dans ses réunions, le Conseil National du Travail suspend temporairement le concerné et transmet son dossier aux autorités compétentes pour décision finale.

**Article 21 : Facilités pour les représentants des travailleurs**

Pendant l'exercice de leur mandat, les représentants des travailleurs au Conseil National du Travail sont accordés par leurs employeurs des permissions nécessaires pour la participation aux réunions.

**CHAPITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**

**Article 22 : Jetons de présence et autres frais de fonctionnement**

Les membres du Conseil National du Travail ayant participé en ses réunions bénéficient des jetons de présence dont le montant est déterminé par arrêté Présidentiel.

Le transport des membres du Conseil National du Travail et autres frais de fonctionnement sont aussi à la charge de l'Etat.

**Ingingo ya 23: Abashinzwe kubahiriza iri teka**

Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi bashinzwe kubahiriza iri teka.

**Ingingo ya 24: Ivanwaho ry'Ingingo zinyuranyije n'iri teka**

Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 62/03 ryo ku wa 02/11/2005 rishyiraho kandi rigena Imikorere y'Inama y'Igihugu y'Umurimo kimwe n'ingingo zose z'amateka yabanjirije iri kandi zinyuranyije naryo bivanyweho.

**Ingingo ya 25: Igihe iteka ritangira gukurikizwa**

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 25/10/2010

**Article 23: Authorities responsible for the implementation of this Order**

The Minister of Public Service and Labour and the Minister of Finance and Economic Planning are entrusted with the implementation of this Order.

**Article 24: Repealing provision**

The Prime Minister's Order n° 62/03 of 02/11/2005 establishing and determining the functioning of the National Labour Council and all prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

**Article 25: Commencement**

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 25/10/2010

**Article 23: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**

Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail et le Ministre des Finances et de la Planification Economique sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

**Article 24 :Disposition abrogatoire**

L'Arrêté du Premier Ministre n° 62/03 du 02/11/2005 portant création et fonctionnement du Conseil National du Travail, ainsi que toutes les autres dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.

**Article 25: Entrée en vigueur**

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 25/10/2010

(sé)

**MAKUZA Bernard**  
Minisitiri w'Intebe

(sé)

**MAKUZA Bernard**  
Prime Minister

(sé)

**MAKUZA Bernard**  
Premier Ministre

(sé)

**MUREKEZI Anastase**  
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo

